RMC
RWANDA MEDIA COMMISSION
Media Self Regulatory Body

Promoting Free, Responsible and Accountable Media

ITANGAZO RYEREKEYE IHAGARIKWA MU MWUGA W'ITANGAZAMAKURU BY'AGATEGANYO KW'ABANYAMAKURU GATERA STANLEY NA NSENGUMUREMYI EPHREM

Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura Rwanda, Rwanda Media Commission (RMC), rufite inshingano yo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame agenga umwuga wabo no kurengera inyungu rusange za rubanda;

Rushingiye ku bubasha ruhabwa n'Itegeko No. 03/02 ryo kuwa 08/02/2013 rigenga itangazamakuru mu Rwanda no ku mahame ngengamyitwarire y'umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda nk'uko yahinduwe kuwa 5 Mata 2014;

Rushingiye ku cyemezo cya Komite Ndangamyitwarire (Ethics Committee) ya RMC cyo kuwa 21 Gashyantare 2018 ku myitwarire y'Abanyamakuru GATERA Stanley na NSENGUMUREMYI Ephrem;

Ruramenyesha Abanyarwanda n'abaturarwanda bose ko: Abanyamakuru GATERA Stanley ufite ikarita y'Itangazamakuru No: 15/311-62022 na NSENGUMUREMYI Ephrem ufite ikarita y'itangazamakuru No: 16/640-66 bahagaritswe by'agateganyo mu mwuga w'itangazamakuru mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye none tariki ya 27 Gashyantare 2018 kubera kutubahiriza Amahame Ngengamyitwarire y'Umwuga w'itangazamakuru mu Rwanda.

Rwanda Media Commission iboneyeho umwanya wo kwibutsa abanyamakuru n'ibigo by'itangazamakuru byemewe gukorera mu Rwanda kubahiriza amahame Ngengamyitwarire y'Umwuga w'Itangazamakuru mu Rwanda n'andi mategeko agenga itangazamakuru mu rwego rwo kuzamura ubunyamwuga.

Bikorewe i Kigali none kuwa 27 Gashyantare 2018.

Cleophas BARORE
Umuyobozi wa RMC

RWANDA MEDIA COMMISSION
RMC
CHAIRMAN
Media Self Regulatory Body

P.O.BOX: 2136 Kigali, RWANDA
E-mail: info@rmc.org.rw
TEL: (+250) 280078888
www.rmc.org.rw
TOLL FREE: 3536
Twitter: @RMC_Rwanda